

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Iteka rya Perezida / Presidential Order /Arrêté Présidentiel

N° 64/01 ryo ku wa 12/02/2014

Iteka rya Perezida rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane.....2

N° 64/01 of 12/02/2014

Presidential Order determining the responsibilities, organisation and functioning of the Advisory Council to fight against corruption and injustice.....2

N° 64/01 du 12/02/2014

Arrêté Présidentiel portant attributions, organisation et fonctionnement du Conseil Consultatif de lutte contre la corruption et l'injustice.....2

B. Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister'Order / Arrêté du Premier Ministre

N° 28/03 ryo kuwa 19/02/2014

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Urwego rureberera Ibitaro bya Gisirikare by'u Rwanda (RMH) n'icyicaro birimo, rikanagena imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego zabyo.....23

N° 28/03 of 19/02/2014

Prime Minister's Order determining the Supervising Authority and category of Rwanda Military Hospital (RMH) and organisation, functioning and responsibilities of its organs.....23

N° 28/03 du 19/02/2014

Arrêté du Premier Ministre déterminant l'Organe de Tutelle et la catégorie de l'Hôpital Militaire du Rwanda (RMH) ainsi que l'organisation, le fonctionnement et les attributions de ses organes.....23

C. Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

N° 326/08.11 ryo ku wa 26/02/2014

Iteka rya Minisitiri rishyiraho ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe.....41

N° 326/08.11 of 26/02/2014

Ministerial Order on release on parole.....41

N° 326/08.11 du 26/02/2014

Arrêté Ministériel portant libération conditionnelle.....41

ITEKA RYA PEREZIDA N° 64/01 RYO
KUWA 12/02/2014 RIGENA
INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BY'INAMA
NGISHWANAMA YO KURWANYA
RUSWA N'AKARENGANE

PRESIDENTIAL ORDER N° 64/01 OF
12/02/2014 DETERMINING THE
RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND
FUNCTIONING OF THE ADVISORY
COUNCIL TO FIGHT AGAINST
CORRUPTION AND INJUSTICE

ARRETE PRESIDENTIEL N° 64/01 DU
12/02/2014 PORTANT ATTRIBUTIONS,
ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DU CONSEIL
CONSULTATIF DE LUTTE CONTRE
LA CORRUPTION ET L'INJUSTICE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: INAMA
NGISHWANAMA KU RWEGO
RW'IGIHUGU

CHAPTER II: THE NATIONAL ADVISORY
COUNCIL AT NATIONAL LEVEL

CHAPITRE II: CONSEIL
CONSULTATIF AU NIVEAU
NATIONAL

Icyiciro cya mbere: Abagize Inama
Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu
n'inshingano zayo

Section One: Composition and responsibilities
of the Advisory Council at national level

Section première: Composition et
attributions du Conseil Consultatif au
niveau national

Ingingo ya 3: Abagize Inama Ngishwanama
y'Igihugu

Article 3: Composition of the National
Advisory Council

Article 3: Composition du Conseil
Consultatif au niveau national

Ingingo ya 4: Inshingano z'abagize Inama
Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

Article 4: Responsibilities of members of the
Advisory Council at national level

Article 4: Attributions des membres du
Conseil Consultatif au niveau national

Icyiciro cya 2: Imikorere y'Inama
Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

Section 2: Functioning of the Advisory Council
at national level

Section 2: Fonctionnement du Conseil
Consultatif au niveau national

<u>Ingingo ya 5:</u> Inama z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 5:</u> Meetings of the Advisory Council at national level	<u>Article 5:</u> Réunions du Conseil Consultatif au niveau national
<u>Ingingo ya 6:</u> Itumizwa ry’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 6:</u> Convening of the Advisory Council at national level	<u>Article 6:</u> Convocation du Conseil Consultatif au niveau national
<u>Ingingo ya 7:</u> Gutumizwa k’undi muntu mu nama z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 7:</u> Invitation of any resourceful person to the meetings of the Advisory Council at national level	<u>Article 7:</u> Invitation d’une autre personne ressource aux réunions du Conseil Consultatif au niveau national
<u>Ingingo ya 8:</u> Ifatwa ry’ibyemezo by’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 8:</u> Decision making of the Advisory Council at national level	<u>Article 8:</u> Prise des décisions du Conseil Consultatif au niveau national
<u>Ingingo ya 9:</u> Itangazwa ry’ibyemezo by’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 9:</u> Publication of resolutions of the Advisory Council at national level	<u>Article 9:</u> Publication des décisions du Conseil Consultatif au niveau national
<u>Ingingo ya 10:</u> Raporo z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Article 10:</u> Reports of the Advisory Council at national level	<u>Article 10:</u> Rapports du Conseil Consultatif au niveau national
<u>Icyiciro cya 3:</u> Akanama ka tekiniki	<u>Section 3:</u> Technical Committee	<u>Section 3:</u> Comité technique
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Akanama ka tekiniki	<u>Article 11:</u> Composition of the technical Committee	<u>Article 11:</u> Composition du Comité technique
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z’Akanama ka tekiniki	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the technical Committee	<u>Article 12:</u> Attributions du Comité technique
<u>Ingingo ya 13:</u> Inama z’Akanama ka tekiniki	<u>Article 13:</u> Meetings of the technical Committee	<u>Article 13:</u> Réunions du Comité technique
<u>Icyiciro cya 4:</u> Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu	<u>Section 4:</u> Advisory Council Secretariat at national level	<u>Section 4:</u> Secrétariat du Conseil Consultatif au niveau national

Ingingo ya 14: Urwego rushinzwe Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama

Article 14: Organ in charge of the Advisory Council Secretariat

Article 14: Organe responsable du Secrétariat du Conseil Consultatif

Ingingo ya 15: Inshingano z’Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu

Article 15: Responsibilities of the Secretariat of the Advisory Council at national level

Article 15: Attributions du Secrétariat du Conseil Consultatif au niveau national

UMUTWE WA II: INAMA NGISHWANAMA KU RWEGO RW’AKARERE, UMURENGE N’AKAGALI

CHAPTER II: ADVISORY COUNCIL AT DISTRICT, SECTOR AND CELL LEVEL

CHAPITRE II: CONSEIL CONSULTATIF AU NIVEAU DU DISTRICT, SECTEUR ET DE LA CELLULE

Icyiciro cya mbere: Inama Ngishwanama ku rwego rw’Akarere

Section One: Advisory Council at District level

Section première: Conseil Consultatif au niveau du District

Ingingo ya 16: Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw’Akarere

Article 16: Composition of the District Advisory Council at District level

Article 16: Composition du Conseil Consultatif du District au niveau du District

Ingingo ya 17: Inshingano z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Akarere

Article 17: Responsibilities of the Advisory Council at District

Article 17: Attributions du Conseil Consultatif au niveau du District

Ingingo ya 18: Imikorere y’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Akarere

Article 18: Functioning of the Advisory Council at the District level

Article 18: Fonctionnement du Conseil Consultatif au niveau du District

Ingingo ya 19: Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama y’Akarere

Article 19: District Advisory Council Secretariat

Article 19: Secrétariat du Conseil Consultatif du District

Icyiciro cya 2: Inama Ngishwanama ku rwego rw’Umurenge n’Akagari

Section 2: Advisory Council at Sector and Cell level

Section 2: Conseil Consultatif au niveau du Secteur et de la Cellule

Ingingo ya 20: Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw’Umurenge

Article 20: Composition of Advisory Council at Sector level

Article 20: Composition du Conseil Consultatif au niveau du Secteur

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

Ingingo ya 21: Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akagari

Article 21: Composition of Advisory Council at Cell level

Article 21: Composition du Conseil Consultatif au niveau de la Cellule

Ingingo ya 22: Inshingano n'imikorere by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Umurenge n'Akagari

Article 22: Responsibilities and functioning of Advisory Council at Sector and Cell Level

Article 22: Attributions et fonctionnement du Conseil Consultatif au niveau du Secteur et de la Cellule

UMUTWE WA III: INGINGO INYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSE ET FINALES

Ingingo ya 23: Ingingo y'Imari y'Inama Ngishwanama

Article 23: Budget of the Advisory Council

Article 23: Budget du Conseil Consultatif

Ingingo ya 24: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 24: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 24: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 25: Repealing provision

Article 25: Abrogation des dispositions antérieures

Ingingo ya 26: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Article 26: Commencement

Article 26: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 64/01 RYO KU WA 12/02/2014 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

PRESIDENTIAL ORDER N°64/01 OF 12/02/2014 DETERMINING THE RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE ADVISORY COUNCIL TO FIGHT AGAINST CORRUPTION AND INJUSTICE

ARRETE PRESIDENTIEL N°64/01 DU 12/02/2014 DETERMINANT LES ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL CONSULTATIF DE LUTTE CONTRE LA CORRUPTION ET L'INJUSTICE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée jusqu'à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43;

Pursuant to Law n° 76/2013 of 11/09/2013 determining the mission, powers, organization and the functioning of the Office of the Ombudsman, especially in Article 43;

Vu la Loi n° 76/2013 du 11/09/2013 déterminant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman, spécialement en son article 43;

Bisabwe na Minisitiri muri Perezidanse ya Repubulika;

On proposal by the Minister in the Office of the President;

Sur proposition du Ministre à la Présidence ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 23/10/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 23/10/2013;

Après examen et adoption du Conseil des Ministres en sa séance du 23/10/2013 ;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena imiterere, inshingano n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane.

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the responsibilities, organization and the functioning of the Advisory Council to fight against corruption and injustice.

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Conseil Consultatif de lutte contre la corruption et l'injustice.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka amagambo akurikira afite ibisobanura bikurikira:

- 1° **Inama Ngishwanama:** Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ikorera ku rwego rw'Igihugu, ikaba kandi iri ku rwego rw'Akarere, urw'Umurenge ndetse n'urw'Akagari;
- 2° **Akarengane:** ukuvutsa umuntu uwo ari we wese uburenganzira yemererwa n'amategeko.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Order, the following terms shall have the following meanings:

- 1° **Advisory Council:** Advisory Council to fight against corruption and injustice operating at National level, and also decentralised to District, Sector and Cell levels;;
- 2° **Injustice:** violation of a person's rights.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont des significations suivantes :

- 1° **Conseil Consultatif:** Conseil Consultatif de lutte contre la corruption et l'injustice opérant au niveau national et aussi décentralisé au niveau du District, du Secteur et de la Cellule;
- 2° **Injustice:** priver une personne de ses droits.

**UMUTWE WA II: INAMA
NGISHWANAMA KU RWEGO
RW'IGIHUGU**

**CHAPTER II: THE ADVISORY COUNCIL
AT NATIONAL LEVEL**

**CHAPITRE II: CONSEIL
CONSULTATIF AU NIVEAU
NATIONAL**

**Icyiciro cya mbere: Abagize Inama
Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu
n'inshingano zayo**

**Section One: Composition and responsibilities
of the Advisory Council at national level**

**Section première: Composition et
attributions du Conseil Consultatif au
niveau national**

**Ingingo ya 3: Abagize Inama Ngishwanama
y'Igihugu**

**Article 3: Composition of the National
Advisory Council**

**Article 3: Composition du Conseil
Consultatif au niveau national**

Ku rwego rw'Igihugu, Inama Ngishwanama
igizwe n'aba bakurikira:

The National Advisory Council at national level
shall be composed of the following:

Le Conseil Consultatif au niveau national est
composé par:

1° Umuvunyi Mukuru, Umuyobozi wayo ;

1° the Ombudsman, the Chairperson;

1° l'Ombudsman qui en est le Président ;

2° Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu
nshingano ze, Umuyobozi wayo Wungirije;

2° the Minister in charge of local government,
Deputy Chairperson;

2° le Ministre ayant l'administration locale
dans ses attributions, Vice-président ;

3° Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze;

3° the Minister in charge of justice ;

3° le Ministre ayant la justice dans ses
attributions ;

4° Minisitiri ufite umutekano mu Gihugu mu
nshingano ze;

4° the Minister in charge of internal security;

4° le Ministre ayant la sécurité
intérieure dans ses attributions;

5° Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;

5° the Vice-President of the Supreme Court;

5° le Vice-président de la Cour Suprême ;

6° Umushinjacyaha Mukuru;

6° The Prosecutor General;

6° le Procureur Général;

7° Abavunyi Bungirije;

7° the Deputies Ombudsmen;

7° les Ombudsman Adjoints ;

8° Insipigiteri Mukuru wa Polisi y'u Rwanda;

8° the Inspector General of the Rwanda
National Police;

8° l'Inspecteur Général de la Police
Nationale du Rwanda;

9° Umunyamabanga Mukuru w'Urwego

9° the Secretary General of National

9° le Secrétaire Général du Service National

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;	Intelligence and Security Service;	de Renseignements et de Sécurité ;
10° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amasoko ya Leta;	10° the Executive Secretary of Rwanda Public Procurement Authority;	10° le Secrétaire Exécutif de l'Office National des Marchés Publics ;
11° Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;	11° the Auditor General;	11° l'Auditeur Général ;
12° Umuyobozi w'Ihuriro ry'abikorera;	12° the Chief Executive Officer of Private Sector Federation;	12° le Secrétaire Exécutif de la Fédération du Secteur Privé ;
13° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta.	13° the Executive Secretary of Civil Society Platform.	13° le Secrétaire Exécutif de la Plateforme de la Société Civile.
Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu bakomeza imirimo yabo basanganywe.	The members of the Advisory Council at national level shall continue to exercise their usual duties.	Les membres du Conseil Consultatif au niveau national continuent d'exercer leurs fonctions habituelles.
<u>Ingingo ya 4: Inshingano z'abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu</u>	<u>Article 4: Responsibilities of members of the Advisory Council at national level</u>	<u>Article 4: Attributions des membres du Conseil Consultatif au niveau national</u>
Inshingano z'abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu ni izi zikurikira:	The responsibilities of members of the Advisory Council at national level shall be the following:	Les attributions des membres du Conseil Consultatif au niveau national sont les suivantes:
1° gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane;	1° to establish strategies of fighting against corruption and injustice;	1° mettre en place les stratégies de lutte contre la corruption et l'injustice;
2° gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo zakozwe ku Rwanda n'inzego zitandukanye kuri ruswa n'akarengane;	2° to examine and make observations on reports made on Rwanda from different institutions on corruption and injustice;	2° examiner et donner des observations sur les rapports faits sur le Rwanda provenant des différentes institutions sur la corruption et l'injustice;
3° gushyiraho uburyo bwo guhererekanya amakuru hagati y'inzego zigize Inama	3° to set up modalities on sharing of information between Advisory Council institutions on	3° mettre en place les modalités d'échange d'informations entre les

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

Ngishwanama kuri ruswa n'akarengane;	corruption and injustice;	institutions membres du Conseil Consultatif sur la lutte contre la corruption et l'injustice ;
4° kwemeza no gutangaza buri mwaka raporo yerekana ibyagezweho mu kurwanya ruswa n'akarengane mu Rwanda;	4° to approve and publish annually, a report on achievements in fighting against corruption and injustice in Rwanda;	4° approuver et publier le rapport annuel sur les réalisations en rapport avec la lutte contre la corruption et l'injustice au Rwanda ;
5° gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama ku nzego z'ibanze.	5° to follow up on the functioning of Advisory Councils at local levels.	5° contrôler le fonctionnement du Conseil Consultatif aux niveaux locaux.

Icyiciro cya 2: Imikorere y'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

Section 2: Functioning of the Advisory Council at national level

Section 2: Fonctionnement du Conseil Consultatif au niveau national

Ingingo ya 5: Inama z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

Article 5: Meetings of the Advisory Council at national level

Article 5: Réunions du Conseil Consultatif au niveau national

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu iterana rimwe (1) mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

The Advisory Council at national level shall meet once (1) every quarter and whenever deemed necessary.

Le Conseil Consultatif au niveau national se réunit une (1) fois par trimestre et chaque fois que de besoin.

Inama Ngishwanama iterana byemewe iyo hari ubwiganze busesuye bw'abayigize. Mu gihe uwo mubare utabonetse, inama irimurwa igaterana mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikiyeho.

The meeting shall be held if the absolute majority of members are present. On contrary, the meeting shall be postponed and held in seven (7) days.

Le Conseil se réunit valablement lorsque la majorité absolue de ses membres est présente. Dans le cas contraire, la réunion est reportée de sept (7) jours.

Inama yitabirwa n'abagize Inama Ngishwanama ubwabo nta guhagararirwa.

The meeting shall be attended by its members. The delegation shall not be allowed.

Les membres du Conseil participent en personne dans la réunion sans se faire représenter.

Ingingo ya 6: Itumizwa ry’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu

Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu itumizwa kandi ikayoborwa n’Umuyobozi wayo cyangwa Umuyobozi wayo Wungirije iyo Umuyobozi adahari.

Inama itumizwa mu nyandiko nibura iminsi cumi n’ine (14) mbere y’uko iterana.

Ingingo ya 7: Gutumizwa k’undi muntu mu nama z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu

Ku rwego rw’Igihugu, Inama Ngishwanama ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ko yayungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe kugira uruhare mu ifatwa ry’ibyemezo no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibygwa.

Inama Ngishwanama ishobora kandi gutumira mu nama zayo urwego rwa Leta, urwigenga cyangwa umuryango utari uwa Leta.

Ingingo ya 8: Ifatwa ry’ibyemezo by’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu

Ibyemezo by’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu bifatwa ku bwumvikane. Iyo bidashobotse hakoreshwa amatora, icyemezo

Article 6: Convening of the Advisory Council at national level

The meeting of the Advisory Council at national level shall be convened and chaired by the Chairperson or the Deputy Chairperson in absence of the Chairperson.

The Advisory Council’s meeting shall be convened in writing at least fourteen days (14) before it holds.

Article 7: Invitation of any resourceful person to the meetings of the Advisory Council at national level

At national level, the Advisory Council may invite in its meetings any resourceful person from whom it may seek ideas or clarifications on a certain issue on the agenda. The invitee shall not be allowed to participate in the decision making and to follow the deliberations of other issues on the agenda.

The Advisory Council may also invite to its meetings any public, private organ or a non government organization.

Article 8: Decision making of the Advisory Council at national level

The decisions of the Advisory Council at national level shall be made by consensus. In case of failure to reach consensus, there shall be voting

Article 6: Convocation du Conseil Consultatif au niveau national

Les réunions du Conseil Consultatif au niveau national sont convoquées et présidées par le Président ou le Vice-président, en cas d’absence du Président.

L’invitation à la réunion du Conseil Consultatif est adressée par écrit au moins quatorze (14) jours avant sa tenue.

Article 7: Invitation d’une autre personne ressource aux réunions du Conseil Consultatif au niveau national

Le Conseil Consultatif au niveau national a le pouvoir d’inviter à ses réunions toute personne ressource qu’il juge importante pour l’examen d’un point inscrit à l’ordre du jour. La personne invitée n’a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

Le Conseil Consultatif peut inviter à ses séances une institution publique ou privée ou une organisation non gouvernementale.

Article 8: Prise des décisions du Conseil Consultatif au niveau national

Les décisions du Conseil Consultatif au niveau national sont prises par consensus. A défaut de consensus, elles sont prises par voie

kigafatwa ku bwiganze busesuye bw'amajwi y'abaje mu nama.

Ingingo ya 9: Itangazwa ry'ibyemezo by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

Ibyemezo by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu bitangazwa n'Umuyobozi wayo hakoreshejwe uburyo bw'itangazamakuru. Iyo atabonetse bikorwa n'Umwungirije.

Ingingo ya 10: Raporo z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu ikora raporo y'ibikorwa bya buri mezi atandatu (6) n'iy'umwaka ikazishyikiriza Perezida wa Repubulika kandi ikagenera kopi Inteko Ishinga Amategeko, Urukiko rw'Ikirenga na Guverinoma.

Icyiciro cya 3: Akanama ka tekini

Ingingo ya 11: Abagize Akanama ka tekini

Akanama ka tekini kagizwe n'abakozi baturuka mu nzego ziyoborwa n'abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu.

Buri rwego ruyoborwa n'umwe mu bagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu

and decision shall be made by an absolute majority vote of the members present.

Article 9: Publication of resolutions of the Advisory Council at national level

The Advisory Council at national level resolutions shall be communicated through media by the Chairperson. In case of his/her absence, the Vice-Chairperson shall do it.

Article 10: Reports of the Advisory Council at national level

The Advisory Council at national level shall produce the activities reports for every six (6) months and every year. The reports shall be submitted to the President of the Republic, with copies to the Parliament, the Supreme Court and the Cabinet.

Section 3: Technical Committee

Article 11: Composition of the technical Committee

The technical Committee shall be composed of technicians from institutions led by members of the Advisory Council at national level.

Each institution led by a member of the Advisory Council at national level shall provide a

de vote et la décision est prise à la majorité absolue des voix des membres présents.

Article 9: Publication des décisions du Conseil Consultatif au niveau national

Les décisions du Conseil Consultatif au niveau national sont portées à la connaissance du public par voie médiatique par son Président. En cas de son absence, elles sont communiquées par le Vice-président.

Article 10: Rapports du Conseil Consultatif National

Le Conseil Consultatif au niveau national adresse ses rapports semestriels et annuels au Président de la République. Les copies de ces rapports sont réservées au Parlement, à la Cour Suprême et au Gouvernement.

Section 3: Comité technique

Article 11: Composition du Comité technique

Le Comité technique est composé par les techniciens provenant des institutions dirigées par les membres du Conseil Consultatif au niveau national.

Chaque institution dirigée par un membre du Conseil Consultatif au niveau national donne

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

rutanga umutekenisiye uruhagararira mu Kanama ka tekiniiki.

technician to represent it in the technical Committee.

les noms d'un technicien qui la représente au Comité technique.

Ingingo ya 12: Inshingano z'Akanama ka tekiniiki

Article 12: Responsibilities of the technical Committee

Article 12: Attributions du Comité technique

Inshingano z'Akanama ka tekiniiki ni izi zikurikira:

The technical Committee shall have the following responsibilities:

Les attributions du Comité technique sont les suivantes:

1° gutegura no gusuzuma ibigomba kwigwaho n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu;

1° to prepare and analyse issues to be deliberated on by the Advisory Council at national level;

1° préparer et analyser les dossiers à traiter par le Conseil Consultatif au niveau national ;

2° gutanga imibare y'amadosiye ya ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo n'akarengane yabonetse mu nzego ziyoborwa n'abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu;

2° to provide statistics of corruption and related offences cases and injustice complaints from institution led by members of National Advisory Council;

2° donner les statistiques des dossiers de corruption provenant des différents institutions dirigées par les membres du Conseil Consultatif National;

3° guhana amakuru ku bibazo bya ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo n'akarengane byakiriwe cyangwa bikurikiranwa n'inzego ziyoborwa n'abagize Inama Ngishwanama y'Igihugu;

3° to share of information on corruption and related offences cases and injustice complaints received by or pending in institution led by the members of Advisory Council at national level;

3° échanger d'information sur des dossiers de corruption, des infractions connexes et de l'injustice reçus ou pendants dans ces institutions dirigées par les membres du Conseil Consultatif au niveau national;

4° guha raporo Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu buri gihembwe na buri mwaka.

4° to submit quarterly and annual reports to the National Advisory Council.

4° donner des rapports trimestriels, et annuels au Conseil Consultatif National.

Ingingo ya 13: Inama z'Akanama ka tekiniiki

Article 13: Meetings of the technical Committee

Article 13: Réunions du Comité technique

Inama z'Akanama ka tekiniiki zitumizwa kandi zikayoborwa n'umwe mu Bavunyi Bungirije rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibabaye ngombwa.

The technical Committee meetings shall be convened quarterly and whenever deemed necessary and chaired by one of the Deputy Ombudsmen.

Les réunions du Comité technique sont convoquées et présidées par l'un des Ombudsman Adjoints chaque trimestre et chaque fois que c'est jugé nécessaire.

Icyiciro cya 4: Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu

Ingingo ya 14: Urwego rushinzwe Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama

Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu bukorwa n’Urwego rw’Umuvunyi.

Umunyamabanga w’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu ashwirwaho hakurikijwe imiterere y’imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo mu Rwego rw’Umuvunyi.

Ingingo ya 15: Inshingano z’Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu

Inshingano z’Ubunyamabanga bw’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu ni izi zikurikira:

- 1° gutegura inama z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu;
- 2° gufata inyandikomvugo z’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu;
- 3° kwegeranya raporo za buri gihembwe n’iza buri mwaka ziyanyane no kurwanya ruswa n’akarengane, kuzisesengura no kuzikorera incamake ihabwa abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw’Igihugu nyuma yo kwigwaho n’Akanama ka tekiniki;

Section 4: Advisory Council Secretariat at national level

Article 14: Organ in charge of the Advisory Council Secretariat

The Office of the Ombudsman shall be responsible for the Advisory Council Secretariat at national level.

The Secretary of the Advisory Council at national level shall be appointed in accordance with the organizational structure of the Office of the Ombudsman.

Article 15: Responsibilities of the Secretariat of the Advisory Council at national level

The Advisory Council Secretariat at national level shall have the following responsibilities:

- 1° to prepare meetings of the Advisory Council at national level;
- 2° to take minutes of the meetings of the Advisory Council’s meetings at national level;
- 3° to collect quarterly and annual reports relating to fighting against corruption and injustice, analyze them and make a summary for members of the Advisory Council at national level after being discussed by the Technical Committee;

Section 4: Secrétariat du Conseil Consultatif au niveau national

Article 14: Organe responsable du Secrétariat du Conseil Consultatif

Le Secrétariat du Conseil Consultatif au niveau national est assuré par l’Office de l’Ombudsman.

Le Secrétaire du Conseil Consultatif au niveau national est désigné en fonction de la structure des emplois au sein de l’Office de l’Ombudsman.

Article 15: Attributions du Secrétariat du Conseil Consultatif au niveau national

Les attributions du Secrétariat du Conseil Consultatif au niveau national sont les suivantes:

- 1° préparer les réunions du Conseil Consultatif au niveau national;
- 2° rédiger les procès-verbaux des réunions du Conseil Consultatif au niveau national;
- 3° rassembler les rapports trimestriels et annuels relatifs à la lutte contre la corruption et l’injustice, les analyser, et en faire une synthèse destinée aux membres du Conseil Consultatif au niveau national après consultation du Comité technique;

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

- | | | |
|---|---|--|
| 4° gukurikirana no gukora raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu; | 4° to make a follow up and produce a report on the implementation of resolutions of the Advisory Council at national level ; | 4° surveiller et faire des rapports de la mise en application des résolutions du Conseil Consultatif au niveau national; |
| 5° gutegura no gukurikirana ibikorwa by'Akanama ka tekiniiki; | 5° to prepare and follow up activities of the Technical Committee; | 5° assurer le suivi des activités du Comité technique ; |
| 6° gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'ibihano bahawe; | 6° to prepare and publish the list of persons definitively convicted for corruption and related offenses and the imposed sentences; | 6° dresser et publier la liste des personnes condamnées définitivement pour corruption et infractions connexes et les peines encourues ; |
| 7° kubika inyandiko zose zirebana n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu; | 7° to keep all documentations related to the Advisory Council at national level; | 7° conserver tous les documents relatif au Conseil Consultatif au niveau national ; |
| 8° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu mu rwego rujyanye n'inshingano zayo. | 8° to carry out any other duties that may be given by the Advisory Council at national level related to its duties. | 8° assumer toute autre tâche lui confiée par le Conseil Consultatif au niveau national dans le cadre de ses attributions. |

UMUTWE WA II: INAMA NGISHWANAMA KU RWEGO RW'AKARERE, UMURENGE N'AKAGALI

CHAPTER II: ADVISORY COUNCIL AT DISTRICT, SECTOR AND CELL LEVEL

CHAPITRE II: CONSEIL CONSULTATIF AU NIVEAU DU DISTRICT, SECTEUR ET DE LA CELLULE

Icyiciro cya mbere: Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere

Section One: Advisory Council at District level

Section première: Conseil Consultatif au niveau du District

Ingingo ya 16: Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere

Article 16: Composition of the District Advisory Council at District level

Article 16: Composition du Conseil Consultatif du District au niveau du District

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere igizwe n'aba bakurikira:

The Advisory Council at District level shall be composed of:

Le Conseil Consultatif au niveau du District est composé des membres suivants:

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

1° Umuyobozi w'Akarere, Umuyobozi wayo;	1° the Mayor of the District, the Chairperson;	1° le Maire du District, Président;
2° Uhagarariye Polisi y'u Rwanda mu Karere, Umuyobozi wayo Wungirije;	2° the District Rwanda National Police Commander, the Deputy Chairperson;	2° le Commandant de la Police Nationale du Rwanda au niveau du District, le Vice-président ;
3° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Umwanditsi;	3° the Executive Secretary of the District, the Secretary;	3° le Secrétaire Exécutif du District, le Secrétaire;
4° Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye ;	4° the Chief Prosecutor at Intermediate level;	4° le Procureur en Chef au niveau de Grande Instance;
5° Perezida w'Urukiko Rwisumbuye ;	5° the President of the Intermediate Court;	5° le Président du Tribunal de Grande Instance ;
6° Ushinzwe Iperereza n'Umutekano mu Karere;	6° the in charge of National Intelligence and Security Service at the District;	6° le chargé du Service National de Renseignements et Sécurité au niveau du District;
7° Ushinzwe abinjira n'abasohoka mu Karere;	7° the in charge of immigration and emigration at the District;	7° le chargé de l'immigration et de l'émigration au niveau du District;
8° Uhagarariye abikorera mu Karere;	8° the representative of private sector at the District level;	8° le représentant du secteur privé dans le District;
9° Uhagarariye imiryango itari iya Leta mu Karere.	9° the representative of the civil society at the District level.	9° le représentant de la société civile dans le District.

Ingingo ya 17: Inshingano z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere

Article 17: Responsibilities of the Advisory Council at District

Article 17: Attributions du Conseil Consultatif au niveau du District

Inshingano z'Inama Ngishwanama y'Akarere ni izi zikurikira:

The responsibilities of the District Advisory Council shall be the following responsibilities:

Les attributions du Conseil Consultatif au niveau du District sont les suivantes:

1° gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere;	1° to adopt strategies of fighting against corruption and injustice in the District;	1° mettre en place les stratégies de lutte contre la corruption et l'injustice au
---	--	---

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

- | | | |
|--|--|---|
| 2° gushyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane zashyizweho n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu; | 2° to implement strategies against corruption and injustice adopted by the Advisory Council at national level; | niveau du District; |
| 3° gusesengura no kugira icyo ivuga ku nyandiko zakozwe kuri ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere; | 3° to examine and make observations on all reports related to corruption and injustice at the District level; | 2° mettre en exécution les stratégies de lutte contre la corruption et l'injustice adoptées par le Conseil Consultatif au niveau national ; |
| 4° gushyiraho uburyo bwo guhana amakuru hagati y'inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere; | 4° to set up modalities of information sharing on corruption and injustice between institutions involved in fighting against corruption and injustice at the District level; | 3° examiner et donner des observations sur les rapports relatifs à la lutte contre la corruption et l'injustice au niveau du District ; |
| 5° kwegeranya imibare y'amadosiye ya ruswa n'akarengane yabonetse mu Karere; | 5° to collect statistics on corruption cases and injustice complaints in the District; | 4° mettre en place les modalités d'échange d'informations sur la lutte contre la corruption et l'injustice entre les institutions chargées de la lutte contre la corruption et l'injustice au niveau du District. |
| 6° kugena inshingano no gukurikirana imikorere by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Umurenge n'Akagari. | 6° to determine responsibilities and make a follow up of the functioning of Advisory Council at Sector and Cell level. | 5° rassembler les statistiques des dossiers de corruption et l'injustice traités au niveau du District ; |

Ingingo ya 18: Imikorere y'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere iterana buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe n'Umuyobozi wayo cyangwa Umuyobozi wayo Wungirije.

Abagize Inama Ngishwanama ku rwego

Article 18: Functioning of the Advisory Council at the District level

The Advisory Council at the District shall meet quarterly and whenever deemed necessary and convened by the Chairperson or the Deputy Chairperson.

Members of the Advisory Council at the District

Article 18: Fonctionnement du Conseil Consultatif au niveau du District

Le Conseil Consultatif au niveau du District se réunit une fois par trimestre et autant de fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-président.

Les membres du Conseil Consultatif au

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

rw'Akarere bagomba kwitabira ubwabo inama zayo. Ntibyemewe guhagararirwa.

level must attend in person its meeting. Delegation shall not be allowed.

niveau du District doivent personnellement être présents à la réunion. La représentation n'est pas admise.

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese yakenera. Uwatumiwe ntiyemerewe kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

The Advisory Council at the District level may invite in its meeting any resourceful person if deemed necessary. The invitee shall not participate in decision making and is not allowed to follow the discussions of other items on the agenda.

Le Conseil Consultatif au niveau du District peut inviter à ses réunions toute personne qu'il juge nécessaire. La personne invitée n'a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

Buri gihembwe na buri mwaka, Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere iha raporo Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu.

The Advisory Council at the District shall submit quarterly and annually reports to the Advisory Council at national level.

Le Conseil Consultatif au niveau du District soumet au Conseil Consultatif au niveau national des rapports trimestriels et annuels.

Ingingo ya 19: Ubunyamabanga bw'Inama Ngishwanama y'Akarere

Article 19: District Advisory Council Secretariat

Article 19: Secrétariat du Conseil Consultatif du District

Ubunyamabanga bw'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere bukorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.

The Executive Secretary of the District shall be responsible for the Advisory Council Secretariat at the District level.

Le Secrétaire Exécutif du District assure le secrétariat du Conseil Consultatif au niveau du District.

Inshingano z'Ubunyamabanga bw'Inama Ngishwanama ni izi zikurikira:

The responsibilities of the Executive Secretary shall be the following:

Les attributions du Secrétaire Exécutif sont les suivantes:

1° gutegura inama z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere;

1° to prepare meetings of the Advisory Council at District level;

1° préparer les réunions du Conseil Consultatif du District;

2° gukora inyandikomvugo z'inama z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere;

2° to take minutes of the meetings of the Advisory Council at the District level;

2° rédiger les procès verbaux des réunions du Conseil Consultatifs au niveau du District;

3° gutegura raporo za buri gihembwe n'iza buri mwaka z'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere;

3° to prepare the quarterly and annual reports of the Advisory Council at the District level;

3° préparer les rapports trimestriels et annuels du Conseil Consultatif au niveau du District ;

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

4° kubika inyandiko zose zirebana n’Inama Ngishwanama ku rwego rw’Akarere.	4° to keep all documentation related to the Advisory Council at the District level.	4° conserver tous les documents relatifs au Conseil Consultatif au niveau du District.
<u>Icyiciro cya 2: Inama Ngishwanama ku rwego rw’Umurenge n’Akagari</u>	<u>Section 2: Advisory Council at Sector and Cell level</u>	<u>Section 2: Conseil Consultatif au niveau du Secteur et de la Cellule</u>
<u>Ingingo ya 20: Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw’Umurenge</u>	<u>Article 20: Composition of Advisory Council at Sector level</u>	<u>Article 20: Composition du Conseil Consultatif au niveau du Secteur</u>
Inama Ngishwanama ku rwego rw’Umurenge igizwe n’aba bakurikira:	The Advisory Council at Sector level shall be composed of:	Le Conseil Consultatif au niveau du Secteur est composé des membres suivants:
1° Perezida w’Inama Njyanama y’Umurenge, Umuyobozi wayo;	1° the Chairperson of the Council Sector, Chairperson;	1° le Président du Conseil de Secteur, Président ;
2° Uhagarariye Polisi y’u Rwanda ku Murenge, Umuyobozi Wungirije;	2° the representative of Rwanda National Police at Sector level, Vice Chairperson;	2° le représentant de la Police Nationale du Rwanda au niveau du Secteur, Vice-président ;
3° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge, Umwanditsi wayo;	3° the Executive Secretary of the Sector, Secretary;	3° le Secrétaire Exécutif du Secteur, Secrétaire ;
4° Perezida wa Komite y’Abunzi mu Murenge;	4° the President of Mediation Committee at the Sector level;	4° le Président du Comité des conciliateurs au niveau de Secteur ;
5° Uhagarariye abikorera mu Murenge;	5° the representative of private sector at Sector Level;	5° le représentant du secteur privé dans le Secteur ;
6° Uhagarariye imiryango itari iya Leta mu murenge;	6° the representative of civil society at Sector level;	6° le représentant de la société civile dans le Secteur ;
7° Uhagarariye Urwego rw’Igihugu rushinzwe Iperereza n’Umutekano ku rwego rw’Umurenge;	7° the representative of the National Intelligence and Security Service at Sector level;	7° le représentant du Service National de Renseignements et de Sécurité au niveau du Secteur ;
8° Uhagarariye Ingabo z’u Rwanda mu Murenge.	8° the representative of Rwanda Defence Forces at Sector level.	8° le représentant des Forces Rwandaises de Défense au niveau du Secteur.

Ingingo ya 21: Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akagari

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akagari igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Perezida w'Inama Njyanama y'Akagari, Umuyobozi wayo;
- 2° Uhagarariye Polisi y'u Rwanda mu Kagari, Umuyobozi Wungirije;
- 3° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, Umwanditsi;
- 4° Perezida wa Komite y'Abunzi mu Kagari;
- 5° Abakuru b'Imidugudu igize Akagari;
- 6° Uhagarariye abikorera mu Kagari;
- 7° Uhagarariye imiryango itari iya Leta mu kagari.

Ingingo ya 22: Inshingano n'imikorere by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Umurenge n'Akagari

Inshingano n'imikorere by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Umurenge n'Akagari bigenwa n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere.

Article 21: Composition of Advisory Council at Cell level

The Advisory Council at Cell level shall be composed of:

- 1° the Chairperson of the Cell Council, Chairperson;
- 2° the representative of the Rwanda National Police at Cell level, Vice Chairperson;
- 3° the Executive Secretary of the Cell, secretary of the Council;
- 4° the President of Mediation Committee at Cell level;
- 5° the Village coordinators of the Cell;
- 6° the representative of private sector at Cell level;
- 7° the representative of civil society at Cell level.

Article 22: Responsibilities and functioning of Advisory Council at Sector and Cell Level

The responsibilities and the functioning of the Advisory Council at Sector and Cell levels shall be determined by the Advisory Council at District

Article 21: Composition du Conseil Consultatif au niveau de la Cellule

Le Conseil Consultatif au niveau de la Cellule est composé des membres suivants :

- 1° le Président du Conseil de la Cellule, Président ;
- 2° le représentant de la Police Nationale du Rwanda au niveau de la Cellule, Vice-président;
- 3° le Secrétaire Exécutif de la Cellule, Secrétaire;
- 4° le Président du Comité des conciliateurs au niveau de la Cellule;
- 5° les Chefs des villages composant la Cellule;
- 6° le représentant du secteur privé dans la Cellule;
- 7° le représentant de la société civile dans la Cellule;

Article 22: Attributions et fonctionnement du Conseil Consultatif au niveau du Secteur et de la Cellule

Les attributions et le fonctionnement du Conseil Consultatif au niveau du Secteur et de la Cellule sont déterminés par le Conseil

level.

Consultatif au niveau du District.

**UMUTWE WA III: INGINGO
INYURANYE N'IZISOZA**

**CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND
FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS
DIVERSE ET FINALES**

**Ingingo ya 23: Ingingo y'Imari y'Inama
Ngishwanama**

Article 23: Budget of the Advisory Council

Article 23: Budget du Conseil Consultatif

Ingingo y'imari y'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu itegurwa kandi ikubahirizwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

The budget for the Advisory Council at national level shall be prepared and executed by the Office of the Ombudsman.

Le budget du Conseil Consultatif au niveau national est élaboré et exécuté par l'Office de l'Ombudsman.

Ingingo y'imari y'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagari itegurwa mu ngengo y'imari y'Akarere.

The budget for the Advisory Council at District, Sector and Cell levels shall be integrated in the budget of the District.

Le budget du Conseil Consultatif au niveau du District, du Secteur et de la Cellule est intégré dans le budget du District.

Imirimo irebana n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu, Inama Ngishwanama k'urwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagari ndetse n'iy'Akanama ka ka tekini ntihemberwa.

The activities of the Advisory Council at national, District, Sector and Cell levels and of the technical Committee shall not be remunerated.

Les activités accomplies dans le cadre du Conseil Consultatif au niveau national, du District, du Secteur et de la Cellule ainsi que celles du Comité technique ne sont pas rémunérées.

Ingingo ya 24: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 24: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 24: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu basabwe kubahiriza iri teka.

Prime Minister, the Minister in the Office of the President and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order.

Le Premier Ministre, le Ministre à la Présidence et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 25: Repealing provision

Article 25: Abrogation des dispositions antérieures

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Official Gazette n° Special of 27/02/2014

Ingingo ya 26: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **12/02/2014**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 26: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **12/02/2014**

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 26: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **12/02/2014**

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux